

ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/12/2012  
RYO KUWA 18/05/2012 RIGENA  
IMITERERE N'IMIKORERE  
BY'AKANAMA KIGENGA  
K'UBUJURIRE K'ISOKO RY'IMARI  
N'IMIGABANE N'ABAKAGIZE

MINISTERIAL ORDER N° 003/12/2012 OF  
18/05/2012 DETERMINING THE  
ORGANIZATION AND FUNCTIONING  
OF THE CAPITAL MARKET  
INDEPENDENT REVIEW PANEL AND  
ITS COMPOSITION

ARRETE MINISTERIEL N° 003/12/2012  
DU 18/05/2012 PORTANT  
L'ORGANISATION ET  
LE FONCTIONNEMENT DU COMITE  
INDEPENDANT DE RECOURS DU  
MARCHÉ DE CAPITAUX ET SA  
COMPOSITION

UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Définitions

Article 2 : Définitions

UMUTWE WA II: IMITERERE,  
IMIKORERE N'ABAGIZE AKANAMA  
K'UBUJURIRE

CHAPTER II: ORGANIZATION,  
FUNCTIONING AND COMPOSITION OF  
THE CAPITAL MARKET INDEPENDENT  
REVIEW PANEL

CHAPITRE II: ORGANISATION,  
FONCTIONNEMENT ET COMPOSITION  
DU COMITE INDEPENDANT DE  
RECOURS DU MARCHÉ DE CAPITAUX

Ingingo ya 3: Abagize Akanama  
k'Ubujuje

Article 3: Composition of the Review Panel

Article 3 : Composition du Comité de  
Recours

Ingingo ya 4: Manda y'abagizi Akanama  
k'Ubujuje

Article 4: Term of office for Review Panel  
members

Article 4: Mandat des membres du Comité  
de Recours

Ingingo ya 5: Kureka imirimo

Article 5: Cessation of Duties

Article 5: Cessation des fonctions

Ingingo ya 6: Ubujuje

Article 6: Appeal

Article 6: Recours

<b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Itumizwa ry'inama z'Akanama k'Ubujurire	<b><u>Article 7:</u></b> Convening Review Panel Meetings	<b><u>Article 7:</u></b> Convocation des Réunions du Comité de Recours
<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Ubufasha bw'inyongera mu Kanama k'Ubujurire	<b><u>Article 8:</u></b> Additional assistance to the Review Panel	<b><u>Article 8:</u></b> Appui supplémentaire au Comité de Recours
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Itumizwa ry'abandi bantu mu nama z'Akanama k'Ubujurire	<b><u>Article 9:</u></b> Inviting third parties to attend a Review Panel meeting	<b><u>Article 9:</u></b> Invitation d'une tierce personne à assister à la réunion du Comité de Recours
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Kwisubiraho k'uwatanze ubujurire	<b><u>Article 10:</u></b> Withdrawal of the appeal	<b><u>Article 10:</u></b> Retrait du recours
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> icyemezo cy'Akanama k'Ubujurire	<b><u>Article 11:</u></b> Review Panel's Decision	<b><u>Article 11:</u></b> Décision du Comité de Recours
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Guhuza ubujurire	<b><u>Article 12:</u></b> Joinder of Appeals	<b><u>Article 12:</u></b> Jonction de recours
<b><u>Ingingo 13:</u></b> Iperereza rikorwa n'Akanama k'Ubujurire	<b><u>Article 13:</u></b> Investigations by the review panel	<b><u>Article 13:</u></b> Enquêtes menées par le Comité de Recours
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Ibimenyetso	<b><u>Article 14:</u></b> Evidence	<b><u>Article 14:</u></b> Preuves
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Guhagararirwa	<b><u>Article 15:</u></b> Representation	<b><u>Article 15:</u></b> Représentation
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Umubare w'abagize Akanama k'Ubujurire ufata icyemezo	<b><u>Article 16:</u></b> Quorum of the Review Panel	<b><u>Article 16:</u></b> Quorum du Comité de Recours
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Igongana ry'inyungu	<b><u>Article 17:</u></b> Conflict of interests	<b><u>Article 17:</u></b> Conflits d'intérêts
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Ingingo y'Imari y'Akanama k'Ubujurire	<b><u>Article 18:</u></b> Budget for the Review Panel	<b><u>Article 18:</u></b> Budget du Comité de Recours

**Ingingo ya 19:** Raporo y'Akanama k'Ubujurire **Article 19:** Review Panel's Report

**Article 19 :** Rapport du Comité de Recours

**UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA** **CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE III :** DISPOSITIONS FINALES

**Ingingo 20:** Ivanwaho ry'Ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka **Article 20:** Repealing provision

**Article 20:** Disposition abrogatoire

**Ingingo 21:** Igihe iteka ritangira gukurikizwa **Article 21:** Commencement

**Article 21:** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/12/2012  
RYO KUWA 18/05/2012 RIGENA  
IMITERERE N'IMIKORERE  
BY'AKANAMA KIGENGA  
K'UBUJURIRE K'ISOKO RY'IMARI  
N'IMIGABANE N'ABAKAGIZE**

**MINISTERIAL ORDER N° 003/12/2012 OF  
18/05/2012 DETERMINING THE  
ORGANIZATION AND FUNCTIONING  
OF THE CAPITAL MARKET  
INDEPENDENT REVIEW PANEL AND  
ITS COMPOSITION**

**ARRETE MINISTERIEL N° 003/12/2012  
DU 18/05/2012 PORTANT  
L'ORGANISATION ET  
LE FONCTIONNEMENT DU COMITE  
INDEPENDANT DE RECOURS DU  
MARCHÉ DE CAPITAUX ET SA  
COMPOSITION**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;**

**The Minister of Finance and Economic  
Planning;**

**Le Ministre des Finances et de la  
Planification Economique ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 63;

Pursuant to Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital Markets in Rwanda, especially in Article 63;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du Marché de Capitaux au Rwanda, spécialement en son article 63;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 18/11/2011, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 18/11/ 2011;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 18/11/2011;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena imiterere, imikorere by'Akanama Kigenga k'Ubujurire k'Isoko ry'Imari n'Imigabane rikanagena abakagize.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanura bikurikira:

- 1° **"Ujurira"**: umuntu uwo ariwe wese washyikirije Akanama ubujurire;
- 2° **"Ikigo"** cyangwa **"CMA"**: Ikigo cya Leta gashinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda ;
- 3° **"Akanama k'Ubujurire"**: akanama kigenga gashinzwe kwakira ubujurire ku byemezo byafashwe n'Ikigo no ku yindi myanzuro iyo ariyo yose ijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane.

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the organization, functioning and composition of the Capital Market Independent Review Panel.

**Article 2: Definitions**

In this this Order, the following terms shall have the following definitions:

- 1° **"Appellant"**: any person who has forwarded an appeal to the Panel;
- 2° **"The Authority"** or **"CMA"**: Public Institution responsible for regulating the capital market in Rwanda ;
- 3° **"The Review Panel"**: the Independent Review Panel on decisions taken by the Authority and any other matter related to the capital market.

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine l'organisation, le fonctionnement et la composition du Comité de Recours Indépendant du Marché de Capitaux.

**Article 2 : Définitions**

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:

- 1° **"Appellant"** : toute personne qui fait appel au Comité de Recours;
- 2° **"L'Office"** ou **"CMA"** : institution publique chargée du marché de capitaux au Rwanda ;
- 3° **"Le Comité de Recours"** : le Comité Indépendant de Recours relatif aux décisions prises par l'Office et à toute autre affaire relative au marché de capitaux.

**UMUTWE WA II: IMITERERE, IMIKORERE N'ABAGIZE AKANAMA K'UBUJURIRE**

**CHAPTER II: ORGANIZATION, FUNCTIONING AND COMPOSITION OF THE CAPITAL MARKET INDEPENDENT REVIEW PANEL**

**CHAPITRE II : ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPOSITION DU COMITE INDEPENDANT DE RECOURS DU MARCHE DE CAPITAUX**

**Ingingo ya 3: Abagize Akanama k'Ubujurire**

**Article 3: Composition of the Review Panel**

**Article 3 : Composition du Comité de Recours**

Akanama k'Ubujurire kagizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho na Minisitiri ufite Imari mu nshingano ze bishingiye ku bushobozi bwabo kandi bagaturuka mu bigo bikurkira:

The Review Panel shall be composed of seven (7) members appointed upon their Competence by the Minister in charge of finance following their skills from the following Institutions:

Le Comité de Recours est composé de sept (7) membres nommés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions sur base de leurs compétences et issus des institutions suivantes :

- 1° Minisitiri y'Imari n'Igenamigambi;
- 2° Minisitiri y'Ubutabera;
- 3° Banki Nkuru y'u Rwanda;
- 4° Ishyirahamwe ry'amabanki mu Rwanda ;
- 5° Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda;
- 6° Urugaga rw'Abavoka mu Rwandai;
- 7° Amashuri makuru na za Kaminuza zo mu Rwanda.

- 1° the Ministry of Finance and Economic Planning;
- 2° the Ministry of Justice;
- 3° National Bank of Rwanda;
- 4° Bank Association of Rwanda ;
- 5° Private Sector Federation ;
- 6° Kigali Bar Association;
- 7° Institutions of Higher Learning of Rwanda.

- 1° Ministère des Finances et de la Planification Economique ;
- 2° Ministère de la Justice;
- 3° Banque Nationale du Rwanda;
- 4° Association des banques du Rwanda;
- 5° Fédération du Secteur Privé;
- 6° Association du Barreau de Kigali;
- 7° Institutions d'enseignement supérieur du Rwanda.

Icyakora, abayobozi, abakozi n'abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane ntibemerewe kuba abagize Akanama k'Ubujurire.

However, managers, staff members and members of the Board of Directors of Capital Market Authority shall not be allowed to be members of the Review Panel.

Toutefois, les dirigeants, le personnel et les membres du Conseil d'Administration de l'Office des Marchés de Capitaux ne sont pas autorisés à être membre du Comité de Recours.

**Ingingo ya 4: Manda y'abagizi Akanama k'Ubujurire**

Abagize Akanama k'Ubujurire bagira manda y'igihe cy'imyaka ibiri (2) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

**Ingingo ya 5: Kureka imirimo**

Ugize Inama y'Ubujurire ava muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;
- 5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;
- 6° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashyirwa mu Kanama k'Ubujurire ;

**Article 4: Term of office for Review Panel members**

The term of office for members of the Review Panel shall be two (2) years renewable only once.

**Article 5: Cessation of Duties**

A member of the Review Panel shall leave his/her position if:

- 1° the term of office expires;
- 2° he/she resigns in writing;
- 3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;
- 4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension of the sentence;
- 5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times with no justified reasons;
- 6° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her

**Article 4: Mandat des membres du Comité de Recours**

Les membres du Comité de Recours ont un mandat de deux (2) ans renouvelable une seule fois.

**Article 5: Cessation des fonctions**

Un membre du Comité de Recours perd la qualité de membre s'il :

- 1° termine son mandat;
- 2° démissionne par écrit;
- 3° n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;
- 4° est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;
- 5° s'absente des réunions plus de trois fois consécutives sans raisons justifiées;
- 6° ne remplit plus les conditions requises au moment de sa nomination au Comité de

	appointment in the Review Panel;	Recours;
7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;	7° he/she demonstrates behaviours contrary to his/her responsibilities;	7° démontre des comportements contraires à ses responsabilités ;
8° abangamira inyungu za CMA;	8° he/she jeopardizes the interests of CMA;	8° met en péril les intérêts du CMA;
9° iyo apfuye.	9° he/she dies.	9° meurt.

**Ingingo ya 6: Ubujurire**

Ubujurire bukorwa mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe ujurira yamenyeyeho ibyo ashingiraho ajurira.

Akanama k'Ubujurire kagomba gufata icyemezo mu minsi mirongo itatu (30) uhereye umunsi kashyikirijweho ubujurire. Igihe kadashoboye kugera ku mwanzuro mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kagomba kumenyesha uwajuriye hamwe n'Ikigo ko hakenewe igihe cy'inyongera. Igihe cy'inyongera nti gishobora kurenga iminsi mirongo itatu (30).

**Ingingo ya 7: Itumizwa ry'inama z'Akanama k'Ubujurire**

Akanama k'Ubujurire gatumizwa mu nyandiko

**Article 6: Appeal**

The appeal shall be made in writing to the Review Panel within fifteen (15) days following the time the appellant became aware of the circumstances giving rise to a complaint.

The Review Panel shall take decision within thirty (30) days following the receipt of a complaint. If the Review Panel is unable to issue a decision within thirty (30) days, it shall inform both the applicant and the Authority of the need for additional time. Additional time shall not go beyond thirty (30) days.

**Article 7: Convening Review Panel Meetings**

The Review Panel shall be convened in writing

**Article 6: Recours**

Le recours est adressé par écrit au Comité de Recours dans un délai de quinze (15) jours à compter du moment où l'appelant a pris connaissance des circonstances donnant lieu au recours.

Le Comité de Recours rend une décision dans les trente (30) jours qui suivent la réception du recours. Si le Comité de Recours n'est pas en mesure de rendre sa décision dans les trente (30) jours, il en informe l'appelant et l'Office de la nécessité d'un délai supplémentaire. Le délai supplémentaire ne peut pas excéder trente (30) jours.

**Article 7: Convocation des Réunions du Comité de Recours**

Le Comité de Recours est convoqué par écrit,



ariko gashobora gutumizwa hakoreshejwe ubundi buryo bw'itumanaho mu gihe cyose hari impamvu yihutirwa.

Inama z'Akanama k'Ubujurire zitumizwa na Perezida cyangwa Visi perezida igihe Perezida adahari.

Iyo Akanama k'Ubujurire kagejweho ubujurire bwandikwa mu gitabo cyabugenewe. Perezida w'Akanama yoherereza kopi y'ubujurire abagize Akanama abamenyesha umunsi hazasuzumwa ubwo bujurire.

**Ingingo ya 8: Ubufasha bw'inyongera mu Kanama k'Ubujurire**

Ikigo gishobora gutiza abakozi bacyo cyangwa kugena undi muntu wese igihe cyose Akanama k'Ubujurire kaba kabisabye kugira ngo kabashe kurangiza inshingano zako. Ariko uwo mukazi cyangwa undi wese watijwe Akanama k'Ubujurire ntabwo yemerewe gukurikirana imikorere y'Akanama k'Ubujurire cyangwa kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo.

Akanama k'Ubujurire kandi gashobora kwiyambaza impuguke. Uko byagenda kose iyo mpuguke ntigomba kuba ifite inyungu iyo ariyo yose haba mu buryo butaziguye cyangwa

but may also be convened through other means of communication in case of urgency.

The meeting of the Review Panel shall be held upon invitation by its Chairperson or in case of his/her absence, by the Vice Chairperson.

When the Review Panel receives the appeal it shall be recorded in its appeals register. The Chairperson of the Panel shall forward the copy of appeal to other members and he/she shall inform them of the date on which the appeal will be examined.

**Article 8: Additional assistance to the Review Panel**

The Authority may provide to the Review Panel with its officers or any other person upon request for the proper fulfillment of the Review Panel's function. However, such a person shall not participate in any meetings of the Review Panel as well as in the decision making process.

The Review Panel may seek assistance from an expert. However, such an expert shall not have any interest directly or indirectly in the case, and the Review Panel shall not be necessary

mais il peut également être convoqué par le biais d'autres moyens de communication en cas d'urgence.

La réunion du Comité de Recours est tenue à l'invitation de son Président ou, en cas de son absence, par son Vice-président.

Lorsque le Comité de Recours reçoit un recours, celui-ci est enregistré dans le registre des recours. Le Président du Comité de Recours transmet la copie du recours aux autres membres en les informant de la date à laquelle le recours sera examiné.

**Article 8: Appui supplémentaire au Comité de Recours**

L'Office peut fournir au Comité de Recours, sur sa demande, tout membre de son personnel ou toute autre personne pour le bon exercice de ses fonctions. Cependant, une telle personne ne peut pas participer aux réunions du Comité de Recours ni au processus de prise de décision.

Le Comité de Recours peut demander l'assistance d'un expert. Cependant, l'expert ne doit pas avoir d'intérêt direct ou indirect dans l'affaire et le Comité de Recours n'est pas

buziguye ku kibazo yatumiwemo, kandi Akanama k'Ubujurire nta nshingano gafite gukurikiza inama yatanzwe n'impuguke mu gufata umwanzuro.

bound by the advice given by the expert when taking its decisions.

obligé d'utiliser les conseils donnés par l'expert lors de la prise de ses décisions.

**Ingingo ya 9: Itumizwa ry'abandi bantu mu nama z'Akanama k'Ubujurire**

**Article 9: Inviting third parties to attend a Review Panel meeting**

**Article 9: Invitation d'une tierce personne à assister à la réunion du Comité de Recours**

Akanama k'Ubujurire gashobora gusaba uwo ari we wese kwitaba inama yako kugirango atange ibimenyetso yaba afite cyangwa acunze, iyo Akanama k'Ubujurire kabona ko bikenewe kugirango karangize inshingano zako. Inyandiko isaba kwitaba igaragaza igihe n'aho inama izabera.

The Review Panel may require any person to attend its meeting to give evidence or to produce any document in his/her possession or under his/her control which the Review Panel considers necessary to fulfill its obligations. Such a request shall specify time and place for the meeting.

Le Comité de Recours peut exiger toute personne à participer à sa réunion pour produire toute preuve ou document en sa possession ou qu'il détient que le Comité de Recours juge nécessaire pour remplir ses obligations. La demande doit préciser la date et lieu de la réunion.

**Ingingo ya 10: Kwisubiraho k'uwatanze ubujurire**

**Article 10: withdrawal of the Appeal**

**Article 10: Retrait du recours**

Ujuriye ashobora igihe icyo aricyo cyose Akanama k'Ubujurire katarafata icyemezo ku bujurire kwisubiraho ku byo yari yajuririye.

An appellant may at any time before the conclusion of the Review Panel proceedings withdraw his/her appeal.

Un appellant peut à tout moment avant les conclusions du Comité de Recours retirer son recours.

Iyo uwajuriye yisubiyeho ku bujurire yari yatanze, Akanama k'Ubujurire gahagarika iryo suzuma hanyuma kakamenyesha Ikigo ko uwajuriye yisubiyeho.

Where an appeal is withdrawn by the appellant, the Review Panel shall immediately cease investigating the complaint and shall immediately inform the Authority of the appeal withdrawal.

Lorsqu'un recours est retiré, le Comité de Recours cesse immédiatement d'instruire la demande et informe immédiatement l'Office du retrait du recours.

Iyo ubujurire bumwe bwatanzwe n'abantu babiri cyangwa barenze babiri, kwisubiraho k'umwe cyangwa kwa benshi ntabwo biha

Where two or more appellants have submitted an appeal to the Review Panel the withdrawal of the appeal by one or more of them shall not

Lorsque deux ou plusieurs appellants ont présenté un recours au Comité de Recours, le retrait du recours par un ou plusieurs d'entre

uburenganzira Akanama k'Ubujurire guhagarika isuzuma ku birebana n'umwe muri bo utigeze yisubiraho.

affect the functions of the Review Panel in respect of the applicant who has not withdrawn the appeal.

eux n'affecte pas les fonctions du Comité de Recours en ce qui concerne l'appelant, qui n'a pas retiré sa requête.

**Ingingo ya 11: icyemezo cy'Akanama k'Ubujurire**

**Article 11: Review Panel's Decision**

**Article 11: Décision du Comité de Recours**

Icyemezo cy'Akanama k'Ubujurire kiriho umukono wa Perezida wako hamwe n'abagize inteko bose yoherezwa Ikigo, kopi yacyo igahabwa urwego bireba cyangwa uwatanze ubujurire.

The Review Panel's decision signed by the Chairperson of the Review Panel and all persons who participated in the deliberations shall be addressed to the Authority with copies to the concerned organ or applicant.

La décision du Comité de Recours signé par son et toutes les personnes qui ont participé aux délibérations est adressée à l'Office avec copies à tout organe concerné ou à l'appelant.

Mu gihe hategurwa icyemezo, iyo Akanama k'Ubujurire kabona ko hari amakuru ashobora guhungabanya cyagwa kubangamira inyungu z'umuntu aramutse atangajwe, gakora ibishoboka byose ayo makuru akavanwa mu cyemezo mbere y'uko gitangazwa.

When preparing the decision, if the Review Penal finds that some information would or might prejudice the interest of a particular person once published, the Review Penal shall exclude it from the decision before its publication.

Lors de la préparation de la décision, si le Comité de Recours trouve qu'il existe une information qui, une fois publiée, pourrait porter atteinte aux intérêts d'une personne, le Comité de Recours retire cette information de la décision avant sa publication.

Akanama k'Ubujurire gashobora, iyo kabisabwe kandi hamaze kwishyurwa amafaranga ateganywa, guha kopi y'icyemezo umuntu wese urebwa n'icyo cyemezo cyangwa undi wese ubifitemo inyungu yaba umukiriya cyangwa uberewemo umwenda.

The Review Panel may, upon request and on payment of the prescribed fee, give a copy of its decision to any person concerned with the decision or to any other person whose interests as a client or creditor are affected by the appeal.

Le Comité de Recours peut, sur demande et après paiement des frais prescrits, donner une copie de sa décision à toute personne concernée par la décision ou à toute autre personne dont les intérêts en tant que client ou créancier sont affectés par le recours.

Iyo Akanama k'Ubujurire kabona ko hari impamvu ifatika yo kudatangaza igice kimwe cy'icyemezo, gashobora gukura icyo gice mu cyemezo cyako.

If the Review Panel is of the opinion that there is good reason for not disclosing a part of a decision it may remove that part from the final decision.

Si le Comité de Recours est d'avis qu'il y a de bonnes raisons pour ne pas divulguer une partie de la décision, elle peut retirer cette partie de la décision finale.

**Ingingo ya 12 : Guhuza ubujurire**

Iyo Akanama k'Ubujurire kakiriye ubujurire burenze bumwe kandi ubwo bujuriye bukaba bureba ikibazo kimwe cyangwa ibibazo bifitanye isano, Akanama k'Ubujurire iyo kabona bikwiye, gashobora gutegeka ko iperereza kuri ubwo bujuriye ryakorwa nk'iperereza rimwe.

Iyo Akanama k'Ubujurire kumva ko ari ngombwa ko hakorwa iperereza rimwe, kabimenyesha ikigo ndetse n'uwatanze ubujurire cyangwa abatanze ubujurire bose iyo barenze umwe.

Uwajuriye cyangwa abajuriye bashobora gutanga ibitekerezo ku cyifuzo cy'Akanama k'Ubujurire ku buryo iperereza ryakorwamo mu gihe cy'iminsi itanu (5) uhaye igihe Akanama k'Ubujurire kabagerejeho icyo cyifuzo. Uko byagenda kose Akanama k'Ubujurire niko gafata umwanzuro wa nyuma ku bijyanye n'uburyo bukorwaho mu gukora iperereza.

**Ingingo ya 13 : Iperereza rikorwa n'Akanama k'Ubujurire**

Nyuma yo kwakira ubujurire Akanama k'Ubujurire kagomba kwandikira ikigo kagisaba inyandiko zose za ngombwa zirebana

**Article 12: Joinder of Appeals**

Where the Review Panel receives more than one appeal which are connected or that relate to a same matter, the Review Panel may, if it considers it necessary, order that the relevant inquiries into the appeal be conducted as a single inquiry.

If the Review Panel is of the opinion that two or more inquiries are to be conducted as a single inquiry it shall give notice in writing to the Authority and the appellant or appellants if they are many.

The appellant or appellants shall be entitled to comment on the mode of inquiry adopted by the Review Panel within five (5) days after receiving the written notice. In any case the final decision on the mode of inquiry to be used shall be vested in the Review Panel.

**Article 13: Investigations by the review panel**

After receiving the appeal, the Review Panel shall, in writing, request the Authority to provide it with all the documentation related to

**Article 12: Jonction de recours**

Lorsque le Comité de Recours reçoit plus d'un recours qui sont connexes ou qui portent sur une même question, le Comité de Recours peut, s'il le juge nécessaire, ordonner que les investigations soient menées en une seule enquête.

Si le Comité de Recours est d'avis que deux ou plusieurs enquêtes doivent être menées en une seule enquête, le Comité de Recours doit en adresser un avis écrit à l'Office et à l'appelant ou aux appelants, s'ils sont plusieurs.

L'appelant ou les appelants ont le droit de faire un commentaire sur le mode d'enquête adopté par le Comité de Recours dans un délai de cinq (5) jours après réception de l'avis écrit. Dans tout les cas, la décision finale sur le mode d'enquête revient au Comité de Recours.

**Article 13: Enquêtes menées par le Comité de Recours**

Après la réception du recours, le Comité de Recours demande par écrit à l'Office de lui fournir toute la documentation relative à ce

n'ubwo bujurire. Ikigo kigomba gushyikiriza Akanama k'Ubujurire inyandiko zose zerekeranye n'ubwo bujurire mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi kuva umunsi Ikigo kiboneyeho inyandiko ibisaba.

**Ingingo ya 14 : Ibimenyetso**

Iyo Akanama k'Ubujurire kifuza kubaza uwo ariwe wese mu gihe cy'iperereza, kagomba kubimumenyesha mu nyandiko hagaragazwa isaha n'ahantu iryo bazwa rizabera.

Uwajuriye cyangwa abajuriye hamwe n'Ikigo bafite uburenganzira bwo kuba bahari no kubaza ibibazo ku bujurire bukorwaho iperereza.

**Ingingo ya 15: Guhagararirwa**

Mu gihe Akanama k'Ubujurire kateranye, Ikigo, uwajuriye cyangwa abajuriye bashobora guhagararirwa n'umunyamategeko cyangwa undi muntu wemerewe n'Akanama k'Ubujurire.

**Ingingo ya 16 : Umubare w'abagize Akanama k'Ubujurire ufata icyemezo**

Akana k'Ubujurire gafata icyemezo iyo hari bibiri bya gatatu (2/3) by'abakagize.

the appeal. The Authority shall within seven (7) days from the day it received the request forward the documents to the Review Panel.

**Article 14: Evidence**

If the Review Panel wishes to interview any person during investigations, it shall give him/her notice in writing and the notice shall indicate time and place where the interview will be carried out.

The appellant or applicants and the Authority shall be entitled to be present at the interview and to ask questions in relation to the subject matter of the investigation.

**Article 15: Representation**

During the Review Panel sessions, the Authority, appellant or appellants may be represented by a lawyer or by any other person allowed by the Review Panel.

**Article 16: Quorum of the Review Panel**

The Review Panel shall take its decisions if two thirds (2/3) of its members are present.

recours. L'Office doit transmettre les documents au Comité de Recours dans les sept (7) jours à partir du jour où il a reçu la demande.

**Article 14: Preuves**

Si le Comité de Recours souhaite interroger une personne lors d'une enquête, il doit l'en aviser par écrit en indiquant l'heure et l'endroit où l'interview aura lieu.

Le ou les appelants et l'Office ont le droit d'assister à l'interview et de poser toutes les questions se rapportant à l'objet de l'enquête.

**Article 15: Représentation**

Lors de l'audience, l'Office, l'appelant ou les appelants peuvent être représentés par un avocat ou par toute autre personne autorisée par le Comité de Recours.

**Article 16: Quorum du Comité de Recours**

Le Comité de Recours prend ses décisions si deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.

Icyemezo cy'Akanama k'Ubujurire ni ntakuka kandi kigomba kubahirizwa n'abo kireba bose keretse iyo kijuririwe mu nkiko zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 17 : Igongana ry'inzungu**

Iyo umwe mu bagize Akanama k'Ubujurire ari we wajuriye, abandi bagize Akanama k'Ubujurire ni bo basuzuma ubujurire nyir'ubwite ahejwe kugeza igihe icyemezo gifatiwe.

Iyo umwe mu bagize Akanama k'Ubujurire afitanye isano iyo ariyo yose cyangwa ubwumvikane buke n'uwajuriye, yandikira Akanama k'Ubujurire akamenyesha icyo kibazo akanagasaba kwiheza muri ubwo bujurire.

**Ingingo ya 18 : Ingingo y'Imari y'Akanama k'Ubujurire**

Ikigo kigomba kwishyura abagize Akanama k'Ubujurire amafaranga yo kwitabira inama z'Akanama kandi kikanishyura n'ibindi bya ngombwa Akanama kakenera. Ikigo kegenera ingengo y'imari akanama kugira ngo karangize inshingano zako.

The decisions of the Review Panel shall be final and bind all concerned parties unless when appealed before competent courts.

**Article 17: Conflict of interests**

When a member of the Review Panel has applied for review, he/she shall not take part in deliberations on the request until the decision thereof has been taken.

If a member of the Review Panel has any relationship or misunderstanding with the appellant, he/she shall inform, in writing, the Review Panel of the issue and request for not taking part in the review proceedings.

**Article 18: Budget for the Review Panel**

The Authority shall pay sitting allowances to Review Panel members present in the meetings and defray all other expenses of the Review Panel. It shall also provide the budget for Review Panel for the fulfillment of its mission.

Les décisions du Comité de Recours sont définitives et obligatoires pour toutes les parties concernées à moins qu'il y' ait appel devant les juridictions compétentes.

**Article 17: Conflits d'intérêts**

Lorsqu'un membre du Comité de Recours a introduit un recours, il/elle ne prend pas part aux délibérations portant sur la demande jusqu'à la prise d'une décision.

Si un membre du Comité de Recours a un lien quelconque ou n'est pas en bon termes avec l'appelant, il en informe, par écrit, le Comité de Recours et demande sa récusation.

**Article 18: Budget du Comité de Recours**

L'Office paie les jetons de présence pour les membres du Comité de Recours présents dans les réunions et prend en charge toutes les dépenses du Comité de Recours. Il fournit aussi le budget du Comité de Recours afin de lui permettre de remplir sa mission.

**Ingingo ya 19: Raporo y'Akanama k'Ubujurire**

Akanama k'Ubujurire gaha raporo y'igihembwe Minisitiri ufite Isoko ry'Imari n'Imigabane mu nshingano ze kakagera Ikigo kopi.

**Article 19: Review Panel's Report**

The Review Panel shall give a quarterly report to the Minister in charge of capital market with copy to the Authority.

**Article 19 : Rapport du Comité de Recours**

Le Comité de Recours transmet un rapport trimestriel d'activités au Ministre ayant le marché des capitaux dans ses attributions et réserve une copie à l'Office.

**UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'Ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanweho.

**Article 20: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 20: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 21: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 21: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 21: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 18/05/2012

Kigali, on 18/05/2012

Kigali, le 18/05/2012

(sé)

**RWANGOMBWA John**  
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya  
Leta

(sé)

**RWANGOMBWA John**  
Minister of Finance and Economic Planning

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**RWANGOMBWA John**  
Ministre des Finances et de la Planification  
Economique

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux